

# UMURIMO WA PAWULO I KORINTO




"Maze Umwami Yesu abonekera Pawulo nijoro mu nzozi, aramubwira ati 'Ntutinye, ahubwo uvuge we guceceka, kuko ndi kumwe nawe, kandi nta muntu uzagutera kukugirira nabi, kuko mfite abantu benshi muri uyu mudugudu' "
(Ibyakozwe n'Intumwa 18:9, 10)

Mu nzandiko zanditswe na Pawulo, izo yandikiye Abakorinto zikurikira urwo yandikiye Abaroma, mu kuba ndende.

Izi nzandiko ebyiri dufite, igihe cyo kwandikwa kwazo gitandukanijwe n’ibyumweru bike gusa. Muri zo, dusangamo inama z’ingirakamaro zo gukemura ibibazo bikomeye bivuka bitewe n’amakimbirane hagati y’abavandimwe.

Kugira ngo dusobanukirwe neza ubutumwa bwazo, tugomba kubanza kumenya ibihe zandikiwemo.





- Umuhamagaro wa Pawulo
- Urugendo rujya i Korinto
- Umurwa wa Korinto
- Abakorinto
- Inzandiko zandikiwe Abakorinto



# UMUHAMAGARO WA PAWULO

"Pawulo (intumwa itari iy'abantu, kandi itatumwe n'umuntu, ahubwo yatumwe na Yesu Kristo n'Imana Data wa twese yamuzuye)"
(Abagalatiya 1:1)

Uretse ba bandi cumi na babiri batoranijwe na Yesu, Bibiliya ivuga izindi ntumwa nka Matiyasi (Ibyakozwe 1:26), Barinaba (Ibyakozwe 14:4), Yakobo na Pawulo (1 Abakorinto 15:7–9).



| | |
|---|---|
| Pawulo yabaye intumwa ate? | Yatoranyijwe na Yesu (Abagalatiya 1:1) |
| Yatoranyijwe ryari? | Akiri mu nda ya nyina (Abagalatiya 1:15) |
| Yahamagawe ryari? | Ubwo yari mu nzira ijya i Damasiko (Ibyakozwe 22:6–7) |
| Yatumwe kuri ba nde? | Ku Banyamahanga (Abagalatiya 2:9) |



Kuva igihe Pawulo yahamagarwaga, imibereho ye yashingiye kuri Yesu. Yatekerezaga Yesu, yavugaga Yesu, yasangije Yesu buri wese.

Kubera iyo mpamvu, uhereye igihe Pawulo yageraga i Korinto bwa mbere, Yesu yari ishingiro ry'ubutumwa bwe (1 Abakorinto 2:2).

# URUGENDO RUJYA I KORINTO




"Hanyuma y'ibyo, Pawulo ava muri Atenayi ajya i Korinto" (Ibyakozwe 18:1)

Mu rugendo rw'ivugabutumwa rwa kabiri rwa Pawulo, yahaswe n'Umwuka Wera kujya i Burayi (Ibyakozwe 16:6–10). Aho yaje kwirukanwa i Filipi (Ibyakozwe 16:12, 38–39), i Tesalonike (Ibyakozwe 17:1, 5, 9–10), n'i Beroya (Ibyakozwe 17:13–14).



Muri Atenayi, amaze kwigishiriza Abayuda mu isinagogi, n'abanyamahanga mu isoko, yararikiwe kubwiriza muri Areyopago (Ibyakozwe 17:16–21). Nyuma y'ikibwiriza cy'ubuhanga, bake ni bo bemeye Yesu (Ibyakozwe 17:34).



Pawulo avuye muri Atenayi, yagiye i Korinto asanga Akwila na Purisikila, bakoranye umurimo wo kuboha amahema (Ibyakozwe 18:1–3).



Nk'uko yari amenyereye, yatangiye kubwiriza Abayahudi mu isinagogi hanyuma abwiriza abanyamahanga (Ibyakozwe 18:4–8). Mu gihe yamaze i Korinto, na nyuma yo "guhusha intego" muri Atenayi, Pawulo yanzuye kutagendera ku bwenge bwa muntu, ahitamo kubwiriza gusa "Yesu Kristo, ari we Yesu Kristo wabambwe" (1 Abakorinto 2:2).

# UMURWA WA KORINTO

"Nk'uko hariho 'imana' nyinshi n''abami benshi' " (1 Abakorinto 8:5b)




Korinto yashenywe n'Abaroma mu 146 MK. Nyuma, Yuliyo Kayisari yahatuje abahoze mu ngabo ndetse n'abandi bantu, muri 46 MK. Amaherezo, umujyi wongeye guhangwa neza mu 44 MK. Igihe Pawulo yawusuraga, wari umaze kuba ihuriro ry'ubucuruzi bukomeye.



Ugukomera kwa Korinto guterwa n'aho iherereye, ku bunigo bwa Korinto, bufite ibyambu by'ubucuruzi bibiri by'ingenzi : Lekayumu ku kigobe cya Korinto, na Kenkireya ku kigobe cya Saroniko.

Ubucuruzi bwaho bwabashishije Pawulo gukora umurimo wo kuboha amahema. Ariko ubutunzi bwa Korinto (bwari buhanganye n'ubwa Atenayi) bwari bufite ibibazo byinshi.



Gusenga ibigirwamana n'ubusambanyi byuzuye umujyi maze bicengera umuco waho. Bwinshi mu butumwa bwa Pawulo ku Bakorinto bugerageza gukumira ibi bibazo byariho byinjira mu itorero.



# ABAKORINTO

"Maze Umwami Yesu abonekera Pawulo nijoro mu nzozi, aramubwira ati 'Ntutinye, ahubwo uvuge we guceceka' " (Ibyakozwe 18:9)





Abayuda b'i Korinto banze ubutumwa, bituma Pawulo ava mu isinagogi maze atangira guterana n'abanyamahanga mu nzu yari hafi y'isinagogi (Ibyakozwe 18:4–7).

"Ukwitwara nabi yabonye mu banyamahanga n'agasuzuguro n'ibitutsi Pawulo yatutswe n'Abayuda byamushenguye umutima cyane. Yashidikanyije ku gitekerezo cyo kugerageza kuhahānga Itorero ahereye kubyo yari ahasanze"

(E.G. White, *Ibyakozwe n'Intumwa*, p. 156).



Muri ako kanya, Yesu yabonekeye Pawulo mu iyerekwa rya nijoro kugira ngo amutere umwete wo gukomeza umurimo we mu Bakorinto, amwizeza ko hari benshi bazakīra ubutumwa (Ibyakozwe 18:9–10).



Pawulo yakomejwe n'iryo yerekwa, amara umwaka n'igice i Korinto (Ibyakozwe 18:11). Amaherezo, Abayuda bajyanye Pawulo mu nkiko (Ibyakozwe 18:12–13). Ubwo yavaga i Korinto, itorero rinini ryari ryaramaze guhāngwa (Ibyakozwe 18:18).

# INZANDIKO ZANDIKIWE ABAKORINTO

"Kuko bene Data nabwiwe ibyanyu n'abo kwa Kilowe, yuko habonetse intonganya muri mwe" (1 Abakorinto 1:11)



## 1 Abakorinto 1–6

Pawulo, amaze kubwirwa na Kilowe ibibazo byinshi biri mu itorero, yabahaye impanuro ku bijyanye na: amacakubiri, ubusambanyi, amakimbirane, n'uburaya.



## 1 Abakorinto 7–16

Umuryango wa Kilowe kandi wamuzaniye urwandiko rurimo ibibazo byinshi byoherejwe n'itorero ku ngingo zitari zimwe, ari na zo Pawulo yasubije, zijyanye na: gushyingiranwa, gatanya, kuba ingaragu, ibyokurya byatambiwe ibigirwamana, imyifatire mu kuramya, ikoreshwa ry'impano z'umwuka, n'umuzuko.



## 2 Abakorinto

Uru ni urwandiko rwa kabiri rwabungabunzwe, nubwo Pawulo yanditse izindi nyinshi (ahāri mbere cyangwa hagati y'izo ebyiri zabonetse). Ashimira Abakorinto uburyo bakemuye ibibazo bimwe na bimwe, ariko abasaba kubona isi bayirebeye mu buryo bw'ubutumwa bwiza, birinda kuvangirwa n'umuco ubakikije.



“Intumwa z’Imana mu mirwa minini ntizikwiriye gucibwa intege n’ibyaha, ubugome, akarengane n’ibikorwa bibi bahamagaririrwa guhura na byo igihe zishishikarira kwamamaza inkuru nziza y’agakiza. Uwiteka atera ubutwari umukozi wese nk’uwo amubwira ubutumwa nk’ubwo yabwiye intumwa Pawulo ubwo yari mu murwa wa Korinto wari wuzuye ibibi agira ati: ‘Ntutinye, ahubwo uvuge we guceceka kuko ndi kumwe nawe, kandi nta muntu uzagutera kukugirira nabi, kuko mfite abantu benshi muri uyu mudugudu.’ Ibyakozwe n’intumwa 18:9, 10 [...] Mu murwa wose, uko waba wuzuye urugomo n’ubugome kose, harimo abantu benshi bashobora kwiga kuba abayoboke ba Yesu igihe bigishijwe uko bikwiriye. Muri ubwo buryo, abantu ibihumbi byinshi bashobora kugezwaho ukuri gukiza kandi bakabashishwa kwakira Kristo nk’Umukiza wabo bwite”

E.G. White, *Abahanuzi n’Abami*, p. 253